First Flight Health Centers™

Alex Central 937-247-0304
Chambersburg 937-963-9505
Charles Drew 937-461-4336
Corwin Nixon 937-228-0990
East Dayton 937-528-6850

Ibigo by'Ubuzima bya First Flight

Uruhushya rwo Gutanga Amakuru

ICYITONDERWA: Hari amafaranga uzasabwa kuri ubu busabe. Bikurikiranwa mu minsi 5 y'akazi. Ifishi y'ubusabe ikoreshwa igomba kuba yujuje amabwiriza ya HIPAA kandi ntishobora gusuzumwa itabyujuje.

Ntanze uruhushya rwo gukoresha cyangwa gusuzuma amakuru akurikira kandi ajyanye n'ubuzima bwanjye.

Umuganga/Urubuga rwemerewe **gutanga** amakuru:

Izina:_____

Aderesi:_____

_____

Telefone/Fax:_____

Umuganga/Urubuga/Umuntu wemerewe **Kwakira** Amakuru:

Izina:_____

Aderesi:_____

_____

Telefone/Fax:_____

Ikigenderewe: ☐ Kwivuriza aha/Kuvurirwa ahandi (hari amafaranga azatangwa) ☐ Gukurikirana umurwayi / Kwivuza ☐ Gusaba kwishyurirwa ☐ Ikibazo gisaba ubwunganizi mu mategeko (sobanura) _____ Ibindi (sobanura) _____

Amazina y'Umurwayi (Harimo n'amazina asanganywe): _____

Itariki y'Amavuko:_____ Telefone:_____

Aderesi:_____ Apt #:_____

Umujyi/Intara/Zip:_____

Foruma: ☐ Kopi ya murandasi ☐ Kopi y'urupapuro
☐ Fax ☐ Gufata mu ntoki ☐ Imeli ☐ Imeli itekanye: _____

Amakuru atangwa:

☐ **Ubuvuzi: Itariki ya serivisi:**_____

☐ Amakuru ku barwayi ☐ Imbonerahamwe y'uko abarwayi bivuje ☐ Raporo za Laboratwari ☐ Raporo za ER
☐ Inkingo ☐ Kwisuzumisha ☐ Raporo zo guca mu cyuma ☐ Raporo z'ibitaro
☐ Inyandiko zo kwishyurizaho ☐ Ibindi (bisobanure)_____

☐ **Amenyo: Itariki ya Serivisi:**_____
☐ Inyandiko yo Kwivurizaho ☐ Amashusho y'Icyuma ☐ Inyandiko yo kwishyurizaho

☐ **Imyitwarire mu Buzima: Itariki ya serivisi:**_____
Itegeko 42 CFR igice cya 2 ribuza umuntu utabifitiye ububasha gutangaza izi nyandiko.
☐ Inyandiko y'indwara zo mu mutwe ☐ Inyandiko z'abarwayi bagaragaweho ibibazo byo mu mutwe

☐ Gusuzuma uburwayi bwo mu mutwe ☐ Gusuzuma imyifatire y'ubuzima

Ibindi (sobanura)_____

Umukono:_____ (**UGOMBA** Gushyirwaho Umukono n'Umurwayi Ndemera ko amakuru y'ubuzima harimo n'amakuru ajyanye na HIV ndetse n'ajyanye n'isuzuma cyangwa ubuvuzi bw'abafite ubumuga bwo mu mutwe kandi ko gushyira umukono hasi, ntanze uruhushya rwo gutanga amakuru. Ndemera kandi ko amakuru natanze yahabwa umuntu cyangwa urwego ashobora gutangazwa keretse igihe ayo makuru yaba afitanye isano n'uburwayi bwo mu mutwe kandi akaba arengerwa n'itegeko 42 CFR igice cya 2 kandi ribuza gutangaza inyandiko z'ayo makuru. Ndemera ko ntanze uruhushya ku bushake kandi ko nshobora kwanga gushyiraho umukono. Kudashyiraho umukono kwanjye ntabwo byagira ingaruka ku bubasha bwanjye bwo kuvurwa. Ndemera ko uru ruhushya bushobora gukurwaho igihe cyose mu nyandiko (Reba Inyandiko ku mikoreshereze y'Amakuru). Uru ruhushya ruzatangira gukurikizwa mu minsi mingo itandatu (60) nyuma y'igihe ndushyiriyeho umukono n'itariki ndwandikiweho, keretse ngaragaje itariki ruzarangiriraho mbere mu mwanya watanzwe: _____

_____	_____	_____
(Itariki)	**(Umukono w'Umurwayi/Umurera wemewe n'Amategeko/Umuhagarariye)**	(Umutangabuhamya)

Niba umukono uri hejuru atari uw'umurwayi, shyiraho amazina:_____

☐ Umwana ☐ HCPOA ☐ Ushyira mu bikorwa ☐ Umuhagarariye ☐ UwapfuyeAbandi (sobanura)_____

Handikwaho n'Umukozi GUSA

Kopi ya ROI ihabwa Umurwayi: ☐ Yego ☐ Oya Itariki yuzurijweho:_____

Icyitonderwa:

_____

First Flight Health Centers™

AMATEKA Y'UBUVUZI N'AMENYO

Amazina y'Umurwayi:_____ Itariki y'Amavuko:_____ Igitsina: _____

Amazina y'Umuganga_____

Ni ryari uheruka kwisuzumisha?_____ Ese urukigo rwawe ni urwa vuba? ☐ Yego ☐ Oya

Ubu uri gukurikiranwa na Muganga? ☐ Yego ☐ No

Niba ari yego, kubera iyihe mpamvu?_____

Muri iki gihe urimo gufata imiti/imiti igabanya uburibwe/ibinini? ☐ Yego ☐ Oya Yivuge: _____

_____

Waba ugira ikibazo aleriji (cyangwa impinduka) ziyiturutseho?

☐ Penicillin ☐ Codeine ☐ Local Anesthetic ☐ Aspirin ☐ Nta n'umwe
☐ Ibindi ☐ Izindi antibiyotike Bisobanure:_____

Ujya ugira ikibazo cyangwa uterwa aleriji kuri Latex (bivuze kwishimagura, kugira uduheri cyangwa guhumeka nabi nyuma yo gukoresha uturindantoki twa latex cyangwa gukoresha ibipurizo)
☐ Yego ☐ Oya Niba ari yego, sobanura: _____

Wigeze ugira ikintu kidasanzwe cyangwa kidasobanutse impinduka mu gihe cyo kubagwa? ☐ Yego ☐ Oya
Niba ari yego, sobanura: _____

Wagize,cyangwa wigeze ugira kimwe muri ibi bikurikira: (Yego cyangwa Oya)

Yego	Oya		Yego	Oya		Yego	Oya	
☐	☐	Umuvuduko w'Amaraso Udasanzwe	☐	☐	Igicuri	☐	☐	Indwara y'amagufwa
☐	☐	Kubatwa n'Inzoga	☐	☐	Kugira isereri	☐	☐	Kuva amaraso igihe kirekire
☐	☐	Gucika intege	☐	☐	Indwara y'amaso	☐	☐	Gushyirwamo insimburangingo
☐	☐	Kudashaka ibyo kurya	☐	☐	Ubumuga bwo Kutumva	☐	☐	Kuvurwa indwara zo mu mutwe
☐	☐	Uburibwe bw'ingingo/Rubagimpande	☐	☐	Indwara y'Umutima/Kuwubaga	☐	☐	Ubuvuzi bukoresheje imirasire
☐	☐	Insimburangingo z'umutima	☐	☐	Gutera cyane k'umutima	☐	☐	Gukurwamo Impindura
☐	☐	Insimburangingo yo mu ngingo	☐	☐	Akuma gafasha umutima gutera	☐	☐	Indwara yo mu muhogo
☐	☐	Asima	☐	☐	Indwara yo kuva amaraso	☐	☐	Indwara ya selile zitukura
☐	☐	Indwara iterwa no kuryagagura	☐	☐	Indwara y'Umwijima ☐ A ☐ B ☐ C	☐	☐	Sinezite
☐	☐	Kanseri	☐	☐	Virusi ya SIDA	☐	☐	Ikibazo cy'imitsi yo mu bwonko
☐	☐	Ibibazo biterwa n'Imiti	☐	☐	Ibibazo by'impyiko	☐	☐	Uburwayi bwo mu muhogo
☐	☐	Imiti yifashishwa mu kuvura kanseri	☐	☐	Ubumuga bwo kwiga	☐	☐	Igituntu
☐	☐	Indwara yo Kwangirika k'ucuce tw'Umutima	☐	☐	Indwara y'Umwijima	☐	☐	Ibibyimba byo mu bwonko
☐	☐	Ubuvuzi bw'Indwara igabanya Ubudahangarwa.	☐	☐	Indwara y'Ibihaha	☐	☐	Ibisebe byo mu gifu
☐	☐	Diyabete	☐	☐	Indwara ya kimwe mu cyumba cy'umutima	☐	☐	Indwara y'imyanya myibarukiro
☐	☐	Ibiyobyabwenge	☐	☐	Indwara y'imitsi yo mu bwonko	☐	☐	Ujya wegeranya cyangwa ugahekenya amenyo
☐	☐	Indwara yo mu bihaha	☐	☐	Guterwamo ingingo	☐	☐	Indwara y'amagufwa
☐	☐	Ufite ikibazo cy'urwasaya (TMJ)	☐	☐	Ujya urwara umutwe kenshi	☐	☐	Kuva amaraso igihe kirekire
☐	☐	Waba warigeze ugira ikibazo cyo kuva igihe kirekire bitewe no gukurwamo ingingo						

Wigeze ugira indwara zikomeye, uhabwa ibitaro cyangwa impanuka? ☐ Yego ☐ Oya

Niba ari yego, sobanura: _____

Usanzwe unywa itabi cyangwa ukoresha ubuhe bwoko bw'itabi? ☐ Isegereti ☐ Cigars ☐ Pipe ☐ Chew ☐ None

Wigeze ukoresha itabi mu gihe cyashize? ☐ Yego ☐ Oya Niba ari yego, mu gihe gishize kingana iki? _____

UMUGORE: Waba utwite? ☐ Yego ☐ Oya Waba uri umuforomo? ☐ Yego ☐ Oya

Umurwayi/Umubyeyi/Umurera wemewe mu Mategeko:_____ Itariki: _____

Isano: _____

Umuganga w'Amenyo:_____ Itariki: _____

First Flight Health Centers™

AMAKURU AJYANYE NO KWIYANDIKISHA K'UMURWAYI:
Uzuza ahabugenewe hose

AMAKURU Y'UMURWAYI:

Andi mazina	Amazina	MI	Izina uzwiho cyane	Nomero y'ubwiteganyirize #	Itariki y'amavuko	Igitsina Wavukanye

ADERESI YO KWISHYURIRAHO y'Umurwayi cyangwa Undi ubifite mu inshingano	Umujyi	Intara	Zipu

Terefone yo mu urugo (_____)-_____-_____ Terephone Ngendanwa (_____)-_____-_____ Indi (_____)-_____-_____

FFHC ifite uruhushya rwanjye rwo gusiga ubutumwa kuri nomero zanjye za terefone/imashini isubiza cyangwa ubutumwa bw'amajwi kuri terefone ngendanwa birebana n'ibyo nkeneye m'ubuvuzi. ____Yego ____Oya _____inyuguti zibanza z'amazina

Aderesi ya imeyili: **Kwanga gutanga amakuru** ☐

UWAHAWE INSHINGANO (Bikenerwa ku abarwayi bari munsi y'imyaka 18 cyangwa igihe ufite umwishingizi utari umurwayi):

Andi mazina	Amazina	MI	Ubwiteganyirize #	Itariki y'Amavuko	Isano

AMAKURU KU UBWISHINGIZI
(Nyamuneka erekana Amakarita YOSE y'Ubwishingizi n'Irangamuntu iriho ifoto k'umukozi ushinzwe kwakira abantu):

Ubwishingizi bw'ibanze	Nyiri Ubwishingizi	Itariki y'Amavuko	Uhereye	Nomera y'ubwishingizi #	Isano
Ubwishingizi bwa Kabiri	Nyiri Ikarita y'Ubwishingizi	Itariki y'Amavuko	Uhereye	Nomera y'ubwishingizi #	Isano

AMAKURU AJYANYE N'IBARURA GUSA: Nyamuneka ✓ Ibireba UMURWAYI byose:

Ibara ry'uruhu: __Umuzungu __Umwirabura/Umunyamerika ukomoka muri afurika__Umunya Aziya __Umunya Aziya W'Umuhinde __Umunyamerika W'umuhinde/Kavukire yo muri Alaska __Kavukire yo muri Hawai/Utuye mu ikirwa cya Pacific __Umushinwa __Umunya Filipine __Umunya Guama/Chamorro __Umuyapani __Umunyakoreya __Umunyavietnam __UmunyaSamoa __Ibindi Umunya Aziya __ibara ry'uruhu rirenze rimwe

Ubwoko: Uri Umu Latino/Umunya Hisipaniya __Yego __Oya __ Umunyamexique __ Umunyamexique W'umunyamerika __ Chicano/a __ UmunyaCuba __ Umunya Puerto Rica

Ururimi uvuga: __ Icyongereza __ Icyesipanyolo __ Igifaransa __ Ikidage __ Ikirusiya __ Ururimi rw'amarenga __ Urundi:_____

Irangamimerere: __ Ingaragu __Uwashyingiwe __Umupfakazi __Uwatandukanye byemewe n'amategeko __Uwakoze gatanya __ Umukunzi w'ubuziraherezo __Ibindi:_____

Niba uri : __ Uwasezerewe mu igisirikare __ Umunywi w'itabi

Icumbi: __usangiye icumbi n'abandi __uwufite aho kuba h'igihe gito __ubwugamo __Uwuba k'umuhanda

Akazi: __Uwagiye mu izabukuru __uwamugaye __utagira akazi __umunyeshuri __wanze gusubiza _ufite akazi (Tondagura hano hasi ibyo ukora) Niba uri umukozi tubwire ibyo ukora: _____

Ni ayahe**mabwiriza atanzwe mbere y'igihe** ufite: __ irage ry'ubuvuzi __ Ufite uburenganzira bwo kugufatira umwanzuro __ntanumwe __wanze gusubiza Niba ari yego, garagaza uwo uriwe ndetse n'isano mufitanye_____

Umurezi wemewe n'amategeko: __Yego, Izina_____ __ Ntanumwe

Inyandiko yemerera umuntu kugufatira imyanzuro y'ubuvuzi: __ Yego Izina_____ __ Ntanumwe

Uwushinzwe kukwitaho by'ibanze: __ Ntanumwe/wowe ubwawe __ Yego niba ari yego, ni inde: _____ isano: _____

Mpaye uburenganzira abakozi ba FFHC bwo kuganira n'abantu bakurikira ku byerekeye amakuru y'ubuvuzi bwanjye:

Izina	Isano	Nomero ya terefone
Izina	Isano	Nomero ya terefone

Ndumva ko FFHC itazaganira n'umuntu uwo ari we wese utavuzwe haruguru ku bijyanye n'ubuvuzi bwanjye cyangwa amakuru ajyanye no kwishyura. Nsobanukiwe ko uru ruhushya rusumba izindi zose zashyizweho umukono. Mfite uburenganzira bwo gukuraho uruhushya binyuze mu kumenyesha FFHC mu inyandiko, keretse gusa igihe FFHC yaba yaramaze kugira icyo ikora ishingiye k'uruhushya natanze. Nsobanukiwe ko ari inshingano zanjye gutanga amakuru y'ukuri kandi yuzuye kuri iyi fishi. Nsobanukiwe ko kwanga gutanga amakuru y'ukuri bishobora gutuma nishyuzwa ikiguzi cyose cya serivisi nahawe.
Nsobanukiwe gahunda yo kutitabira nahawe kandi ndemera ko ari inshingano zanjye kuyikurikiza.

Izina ry'umurwayi (Ricapwe)	Umukono w'umurwayi/Uwahawe inshingano	Itariki

First Flight Health Centers™

I. URUHUSHYA RUSANGE RUTANGWA KU BUSHAKE RUJYANYE N'UBUVUZI

A. Jyewe, ushyira umukono kuri iyi nyandiko, ndemeza ko ndi umurwayi (cyangwa Uhagarariye umurwayi wemewe n'amategeko), kandi ntanze uruhushya ku bushake kandi nemeye

NEMEYE GUHABWA SERIVISE Z'UBUVUZI, ZIRIMO IZITANGWA N'ABAFOROMO, N'ANDI MASUZUMA AGAMIJE UBUVUZI BUFATWA NK'UBUKENEWE CYANGWA NGIRWAHO INAMA MU MYANZURO YA MUGANGA, NA/CYANGWA ABAMUHAGARARIYE CYANGWA ABAMUSIMBUYE.

B. Ntanze uruhushya ku bushake rwo kunkorera ibizami bigamije ubuvuzi, harimo gufatwa amaraso, mu gihe umukozi w'Ikigo Nderabuzima cya First Flight Health Centers (FFHC) agize aho ahurira n'amatembabuzi yanjye. Muri ibi bizami, harimo no kuba napimwa agakoko gatera VIH/SIDA.

II. URUHUSHYA RWO GUSANGIZA AMAKURU

A. Mpaye Ikigo Nderabuzima cya FFHC uruhushya, binyuze muri iyi nyandiko, rwo gusangiza amakuru y'umurwayi yerekeye ubuvuzi abagihagarariye, ibigo by'ubwishingizi ibyo ari byo byose, ibigo byishingira indishyi, amavuriro, ikigo cyita ku mibereho myiza cyangwa ikindi kigo gitanga serivise z'ubuzima ku mpamvu z'ubufasha bw'amafaranga cyangwa gukomeza gutanga serivise z'ubuvuzi.

B. Ntabwo nemera gutanga uruhushya rwo gutangaza amakuru akurikira (shyira ku rutonde amakuru ayo ari yo yose utifuza ko yasangizwa abandi, nk'urugero, amakuru ajyanye n'ubuvuzi bufitanye isano n'ibiyobyabwenge cyangwa ibisindisha, kuvura ubuvuzi bw'indwara zo mumutwe, SIDA n'ibyuririzi byayo, ibizamini by'agakoko gatera SIDA, isuzuma no gukurikirana ubuvuzi bw'agakoko gatera VIH/SIDA):

_____

C. Nemereye FFHC kubona inyandiko z'imiti ivuye kuri farumasi yanjye nk'uko bikenewe kugira ngo nkomeze nitabweho.

III. URUHUSHYA RUJYANYE N'AMAKURU Y'UBUZIMA BWITE RUSHINGIYE KU ITEGEKO RYA HIPAA

A. Nemeye ku bushake ko Ikigo nderabuzima cya First Flight Health Centers (FFHC) gikoresha kikanashyira hanze amakuru y'ubuzima bwanjye arinzwe kugira ngo hakorwe ibikorwa by'ubuvuzi, kwishyura, cyangwa ibikorwa byo kwita ku buzima.

B. Nsobanukiwe kandi nahawe Imenyesha ry'Ibikorwa byerekeye amakuru y'ubuzima bwite, rikubiyemo ibisobanuro birambuye by'uburyo amakuru y'ubuzima arinzwe ashobora gukoreshwa cyangwa gutangazwa. Nsobanukiwe ko mfite uburenganzira bwo kongera gusoma imenyesha mbere yo gushyira umukono kuri ruhushya rutangwa ku bushake. Nsobanukiwe ko ikigo nderabuzima cya FFHC gifite uburenganzira bwo guhindura imenyesha ryacyo n'ibikorwa bijyanye n'amakuru kandi ko nshobora guhabwa kopi yavuguruwe y'iryo menyesha ndisabye ku kigo nderabuzima.

C. Nsobanukiwe ko guhamagara cyangwa guhamagarwa bishobora gufatwa amajwi n'ikigo nderabuzima cya FFHC ku bw'impamvu zo kunoza imikorere n'amahugurwa.

D. Dushyiraho uburyo bumwe cyangwa bwinshi bwo guhanahana amakuru ajyanye n'ubuzima. Abaguha serivise z'ubuzima bashobora gukoresha iri huriro ryo mu buryo bw'ikoranabuhanga kugira hatangwe uburyo bwo kugera ku makuru y'ubuzima bwawe yizewe kugira ngo ibikenewe by'ubuzima bwawe bigire ishusho nziza. Twebwe n'abandi batanga serivise z'ubuzima dushobora kwemera ko amakuru y'ubuzima yawe agerwaho binyuze buryo bwo guhanahana amakuru ajyanye n'ubuzima ku mpamvu z'ubuvuzi, kwishyura cyangwa ibindi bikorwa bijyanye no kwita ku buzima. Aya ni amasezerano agerwaho ku bushake. Ushobora guhitamo kuyahagarika igihe icyo ari cyo cyose ubimenyesheje Ishami Rishinzwe Amakuru y'Ubuvuzi ry'Ikigo Nderabuzima cya FFHC.

IV. URUHUSHYA RUTANGWA KU BUSHAKE RUJYANYE N'IBANGA RYA SERIVISE ZITEGANYWA N'UMUTWE WA X

A. Mu gihe mpawe serivise zijyanye n'imibereho myiza n'ubuzima bw'imyororokere ku kigo nderabuzima cya FFHC, nzi neza ko serivise nk'izo zizatangwa mu buryo bwizewe neza bwubahiriza ibanga.

B. Nsobanukiwe ko amakuru yabonywe n'umukozi ajyanye n'izi serivise adashobora gutangazwa ntabitangiye uruhushya mu nyandiko, uretse igihe biteganywa n'itegeko cyangwa bibaye ngombwa kugira ngo serivise zitangwe, ariko hubahirizwa ingamba zo kurinda ibanga ry'amakuru.

C. Nsobanukiwe ko nzamenyeshwa ugutangazwa uko ari ko kose gushoboka kw'amakuru y'ubuzima yanjye agirwa ibanda ku bashyiraho amabwiriza mu gihe ushyiraho amabwiriza azaba ari undi utari njye.

Umukono wanjye, cyangwa uw'umpagarariye wemewe, bigaragaza ko nasomye, nsobanukiwe kandi nemeranya n'ibyubahirizwa byavuzwe haruguru kandi ko natanze amakuru y'ukuri.

_____	_____	_____
Izina ry'umurwayi mu nyuguti nkuru bisinyiweho	Itariki y'amavuko y'umurwayi	Itariki

_____	_____	_____	_____
Umukono w'umurwayi cyangwa uw'umuhagarariye wemewe n'amategeko cyangwa uwo bafitanye	Isano	Umukono w'umutangabuhamya	Itariki

UBURENGANZIRA BW'ABARWAYI N'INSHINGANO

Nk'umurwayi wo ku Ibigo by'Ubuzima bya First Flight ufite uburenganzira bukurikira:

- ❖ Kuvurwa mu cyubahiro, impuhwe no kwitabwaho hatitawe ku bwoko, igitsina cyangwa ubushobozi bwo kwishyura
- ❖ Ubuvuzi bufite ireme
- ❖ Gusubiza ku gihe kuri serivisi z'ubuvuzi wasabye
- ❖ Kumenya izina n'ubushobozi bw'abakozi batanga serivisi z'ubuvuzi.
- ❖ Kugirirwa ibanga ku nyandiko zawe z'ubuvuzi no kwishyura
- ❖ Kukumenyesha ibyemezo bijyanye no kwivuza harimo n'uburenganzira bujyanye no kwanga kuvurwa
- ❖ Gusaba gusuzumwa
- ❖ Kubona no kwakira inyandiko zawe z'ubuvuzi
- ❖ Gusaba amakuru y'uko wagiye wishyura na konti yawe
- ❖ Kugena umpagarariye wemewe n'amategeko cyangwa umpagarariye wagenwe n'Umucamanza kugira ibyo akora mu mwanya wanjye
- ❖ Ku musemuzi

Nk'umurwayi wo ku Ibigo by'Ubuzima bya First Flight ufite inshingano zikurikira:

- ❖ Gukora ibituma ubuzima bwawe buhora bumeze neza.
- ❖ Kubaha abaganga bose,abaforomo n'abakozi.
- ❖ Gutanga amakuru yuzuye kandi y'ukuri ku baganga bawe n'abaforomo.
- ❖ Gutanga urutonde rw'imiti yose uri gufata harimo n'ingano yayo
- ❖ Gukurikiza gahunda zose zo kuvurwa harimo no gukoresha neza imiti
- ❖ Guhamagara ku biro ugasaba randevu mu gihe ukeneye indi miti
- ❖ Kuhagerera ku gihe uje kuri randevu kandi ugahamagara ku biro byibura mu gihe cy'amasaha 24 niba udashoboye kuboneka.
- ❖ Kubika randevu zose gahunda zose ziteganyijwe kugira ngo ukorerwe ibizamini by'inyongera cyangwa asuzumwe n'umuganga
- ❖ Kuduha amakuru agezweho kandi y'ukuri ajyanye n'ubwishingizi bwawe
- ❖ Kumenyesha sosiyete y'ubwishingizi impinduka zose bu baguha ubuvuzi bw'ibanze
- ❖ Kuduha kopi y'amakarita yose y'ubwishingizi
- ❖ Kuzuza ubusabe bwo kwishyura nk'udafite ubwishingizi no gutanga inyandiko zigaragaza amafaranga winjiza.
- ❖ Kutumenyesha impinduka z'uko winjiza amafaranga nk'uko bifitanye isano n'amafaranga wishyura nk'udafite ubwishingizi.
- ❖ Kwishyura amafaranga yose havuyemo ay'ubwishingizi mu gihe nahawe serivisi
- ❖ Kuzuza ifishi yo kwiyandikishirizaho y'umurwayi, ubusabe bwo kwishyura nk'udafite ubwishingizi n'imikono y'izo nyandiko buri mwaka.
- ❖ Kutumenyesha impinduka ku bwishingizi, aderesi, telefone, irangamimerere

Njyewe, nk'umurwayi wo IBIGO BY'UBUZIMA BYA FIRST FLIGHT, ndemera uburenganzira n'inshingano byavuzwe haruguru.

_____ _____

Amazina y'Umurwayi Itariki

_____ _____

Umukono w'Umurwayi cyangwa Umuhagarariye (Niba umurwayi ari umwana) Itariki

IBIGO BY'UBUZIMA BYA FIRST FLIGHT
MURAKAZA NEZA AHO DUTANGIRA SERIVISI ZACU

Umurongo wa randevu: 937-461-6869 M-F 7:30 am to 5:30 pm

Koresha iyi nomero kugira ngo usabe randevu zose. Yikoreshe kandi ushaka guhagarika cyangwa kwimura randevu.

Ibigo by'Ubuzima bya First Flight (FFHC) ni umuryango udaharanira inyungu washinzwe 2007 ugamije kunoza no gutanga serivisi z'ubuzima z'ibanze zifite ireme, zihendutse mu karere. Kugeza ubu dukorera ahantu hatandatu: Alex Central Health Center, Chambersburg Health Center, Charles Drew Health Center, Corwin Nixon Health Center, na East Dayton Health Center.

Intego Yacu: Guteza imbere ubuzima dutanga serivisi z'ubuvuzi bw'ibanze zifite ireme ku bazikeneye, tutitaye ku bushobozi bwabo bwo kwishyura.

Kugira ngo tumenye neza ko twohereje amafaranga kuri serivisi wahawe ku kigo cy'ubwishingizi, turagusaba kuzana ikarita usanganywe n'ifoto y'indangamuntu buri uko uje gushaka serivisi. Niba utizeye neza ko ikarita yawe imeze neza, uzazane amakarita yose abakozi bacu bazagufasha. **Ntabwo twakira ibirego by'Urwego rwita ku Bibazo by'Abakozi birebana n'Indishyi.**

Abarwayi bose barasabwa kuzuza ubusabe bwo kwishyura nk'abadafite ubwishingizi kugira ngo turebe niba twabafasha niba bemerewe igabanyirizwa ry'ibiciro nk'uko biteganywa n'Amabwiriza ya Federal Funding Guidelines.

Uzahabwa umuganga cyangwa umuforomo uzaba akwitaho kuri serivisi z'ibanze buri uko uje kwa muganga. Ni intego yacu kuba Ikigo Abarwayi Biyumvamo (PCMH) ku byo buvuzi bwose mukeneye -Ibi bikubiye mubyo mukeneye byihutirwa. Mwaduhamagara ku buvuzi bwihutirwa mukeneye. Iyo umuganga ugufasha atabonetse, umwe mu bandi batanga serivisi yagufasha ku byo wakenera byose kuri uwo munsi. Ukeneye ugufasha nyuma y'amasaha, wahamagara ku ishami ryita ku bakiriya hanyuma ugahabwa ubutumwa bw'uko wakurikiza amabwiriza kugira ngo uvugane n'uguha serivisi.

Dushobora rimwe na rimwe kugira abanyeshuri b'inzobere aho dukorera bazagira uruhare mu kukwitaho. Niba wifuza ko abo banyeshuri batagira uruhare mu kukwitaho wabimenyesha umukozi.

Abarwayi bashya ntibashobora gusaba imiti igenzurwa na Leta uri ubwa mbere baje kwa muganga ndetse iyo miti ntibashobora kubisabira kuri telefone ngo bayandikirwe mu buryo buhoraho.

Abatanga serivisi z'ubuvuzi ntibatanga imiti igabanya uburibwe bw'igihe kirekire ariko bashobora kukohereza k'utanga serivisi z'ubuzima w'inzobere muri ibyo bibazo.

Mugihe ugeze kwa muganga, bwira umufasha wa muganga impamvu ushaka kubonana na muganga wawe cyangwa umuforomo n'imiti ukeneye ko bakongera. Ibuka kuzana imiti yose uko uje kwa muganga. Mu gihe uhamagaye usaba kongerwa imiti, bishobora gufata hagati y'amasaha makumyabiri n'ane (24) na irongo irindwi n'abiri (72) kugira ngo iboneke.

Murakoze guhitamo FFHC. Turifuza kubabera Ahantu Abarwayi banyurwa na Serivisi.

First Flight Health Centers™

FIRST FLIGHT HEALTH CENTERS
Inyandiko ku Makuru y'Ibanga

IYI NYANDIKO IRASOBANURA UKO AMAKURU Y'UBUVUZI KURI WOWE ASHOBORA GUKOREHSWA NO GUTANGAZWA N'UBURYO WOWE USHOBORA KUBONA AYA MAKURU. YISOME WITONZE.

First Flight Health Centers (FFHC) bizagukorera inyandiko y'ubuvuzi. Inyandiko y'ubuvuzi ifite amakuru ajyanye n'uko wagiye wivuza, ibizamini wakorewe, ubuvuzi wahawe n'uburyo wasubije. Dufite kandi inyandiko zo kwishyuriraho. Dusabwa n'amategeko kumenya niba amakuru yawe y'ubuvuzi abitswe mu ibanga. Turasabwa kandi kuguha iyi Nyandiko. Dusabwa kandi kukubwira uko dukoresha no gusangiza aya amakuru y'ubuvuzi; mu magambo, mu nyandiko cyangwa kuri kuri murandasi ndetse tukanakubwira uburenganzira bwawe ubwo ari bwo. Tuzagusaba gushyiraho umukono kugira ngo tuzemeze ko wakiriye kopi y'iyi nyandiko.

1. Gukoresha no Gutangaza Amakuru ajyanye n'Ubuzima Bwawe

A. Amakuru asanzwe ashobora gusangizwa hatabayeho amasezerano yanditse. Uruhushya rwawe rutwemerera kukuvura. Rutwemerera kandigusangiza amakuru yawe yihariye bitewe n'uko umerewe. Uru ni urutonde rw'uburyo dushobora gusangiza amakuru yawe.

Impamvu z'ubuvuzi

- Abandi bakeneye kumenya ibibazo by'ubuzima bwawe kugira ngo barebe ko uhabwa ubuvuzi bwuzuye kandi butekanye.Aha hashobora kubamo abandi baganga, abaforomo, abanyeshuri biga iby'ubuzima/abaturage/ibitaro, abatanga ibikoresho, n'abandi.
  - Urugero, niba winjiye mu bitaro dushobora gusangira nabo amakuru yawe kugira ngo dufatanye kukwitaho.
  - Niba woherejwe ku nzobere dushobora gusangira igice cy'amakuru yawe kugira ngo tugufashe kubona ubuvuzi bwuzuye.
- Mu gihe ubyemeye, amakuru amwe n'amwe yasangizwa inshuti zawe magara cyangwa umuryango ugufasha ukakwitaho. Niba utabyemeye, tuzakora ibyo twizera ko ari byiza kuri wowe.

Kwishyura ubuvuzi

- Kutwemerera kwakira ubwishyu ku buvuzi wahawe.
  - Urugero, amakuru ashobora gusangizwa na sosiyete yawe y'ubwishingizi. Ibi bishobora kubaho bitewe yo guhabwa serivisi. Bishobora kubaho mbere y'uko uhabwa serivisi niba sosiyete yawe y'ubwishingizi isaba kubanza kubyemeza.
- Amakuru ashobora gutangazwa no ku muntu ugufasha kwishyura ubuvuzi wahawe.

Inshingano z'abatanga serivisi z'ubuvuzi

- Kongera ubuvuzi buhabwa abarwayi. Urugero:
  - Gusuzuma ubuvuzi wahawe n'uburyo wabwakiriye.
  - Gufasha mu kwigisha muganga cyangwa abandi bakora mu by'ubuvuzi.
  - Gusubiramo no kunoza ubuvuzi dutanga
- Kureka ibigo bishinzwe ubuzima bikareba neza ko dukurikiza amategeko ya gahunda z'ubuvuzi nka Medicare na Medicaid.
- Guhamagara cyangwa kohereza ubutumwa bukwibutsa gahunda dufitanye.
- Kukumenyesha ubundi buvuzi na serivisi ushobora kubona.
- Kuguha ibikoresho byo kwamamaza mu gihe waje ku kigo nderabuzima cyangwa mu gihe twakubwiye ibijyanye n'ibicuruzwa na serivisi zacu.
  - ushobora guhitamo kutakira ibicuruzwa cyangwa kutajya muri gahunda zo gukusanya inkunga.
  - Ugomba kuduha uruhushya rwanditse rwo gutanga amakuru yo kwamamaza ku bandi bantu/sosiyete.

Ubuzima bw'Abantu

- Gufasha gukumira cyangwa gukurikirana indwara, ibikomere cyangwa ubumuga. Ibi harimo no kukumenyesha niba waranduye indwara.Tunakumenyesha niba ushobora kuba ufite ibyago byo kwandura cyangwa gukwirakwiza indwara cyangwa uko wakwitwara.
- Cyane cyane amakuru, amakuru arebana no kwipimisha cyangwa kuvura virusi ya HIP cyangwa SIDA ntazashyirwa ahagaragara utabitangiye uruhushya.
- Kugaragaza imihindagurikire y'umubiri (nka aleriji/allergie) ku miti cyangwa ibibazo byaturutse ku miti. Kwibutswa kugarura imiti wasanze ifite ibibazo by'ubuziranenge.
- Kugaragaza abavutse, abapfuye, abana bahohotewe, cyangwa abakorewe ihohoterwa ryo mu ngo n'abafata abana nabi.

Impamvu zemewe n'amategeko

- Iyo dusabwe n'amategeko kubwira abapolisi, abandi bashinzwe kubahiriza amategeko cyangwa guhamagaza umuntu kwitaba urukiko cyangwa rwa cyangwa inteko isuzuma ikirego.
  - Hazafatwa ingamba zo kukumenyesha ihamagarwa mu rukiko mu gihe utabisabye.
- Mu gihe hari ibyo tugomba gusobanura imbere y'amategeko cyangwa twahamagajwe n'ubutabera.
- Menyesha ibikomere bimwe na bimwe, nk'ibikomere by'amasasu, ubushye cyangwa gukomeretswa n'abakoze ibyaha.
- Garagaza raporo y'urupfu twizera ko rushobora kuba rwaraturutse ku myitwarire y'icyaha.
- Kugaragaza inzirakarengane y'icyaha niba, mu gihe runaka bitewe n'ibyabaye, tudashoboye kubona umuntu ubyemera.

- Kugaragaza ibikorwa bitubahirije amategeko aho dukorera ndetse mu buryo bwihutirwa kugaragaza icyaha.
- Fasha mu kumenya cyangwa kwerekana aho ucyekwa aherereye, uwatorotse, umutangabuhamya ufite ibimenyetso bihagije cyangwa umuntu wabuze.

Ubushakashatsi

- Gukora ubushakashatsi – gufasha gushakisha abarwayi bafite ibibazo by'ubuzima bwihariye.
- Gusuzuma ubushobozi bw'imivurire cyangwa imiti.
- Imishinga yose igomba kunyura mu nzira zihariye zidashyira ku karubanda amakuru y'ubuzima bwawe.
  - Imishinga yose igomba kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi ya FFHC.

Amakuru ashobora gutangazwa muri bumwe muri ubu buryo bukurikira:

- Gahunda z'abaterankunga, niba utanga cyangwa ukeneye urugingo, amaso cyangwa utunyangingo.
- Abasuzuma iby'ubuvuzi cyangwa abaganga basuzuma imirambo bazagufasha kugaragaza umubiri cyangwa kureba icyateye urupfu.
- Abategura ibyo gushyingura bazabafasha kurangiza inshingano zabo.
- Kurinda cyangwa kugabanya ibyagutera ubwoba bikomeye kuri wowe cyangwa ku bandi.
- Niba uri mu gisirikare - nk'uko bisabwa n'amategeko ya gisirikare.
- Niba uri imfungwa:
  - Ku kigo cy'abagororwa cyangwa abashinzwe kubahiriza amategeko baguha ubuvuzi.
  - Kurinda ubuzima bwawe n'umutekano.
  - Kurinda ubuzima n'umutekano by'abandi harimo n'ikigo cy'abagororwa.
- Gutanga raporo y'ibyavuye mu kizamini cyategetswe n'urukiko cyangwa gukurikiza amategeko kubera impamvu z'umutekano w'igihugu.
- Dukoresha kandi dusangiza amakuru, nk'uko bisabwa n'amategeko yinyongera atavuzwe haruguru.

B. Amakuru ashobora gusangizwa GUSA igihe watanze uruhushya rwanditse. Ikintu cyose kitavuzwe haruguru bizasaba uruhushya rwawe. Ugomba gusinya ifishi yo gukoresha cyangwa gutangaza amakuru yose y'ubuzima bwawe, Amakuru amwe afatwa nk'ibanga rikomeye kandi bizasaba ifishi iriho umukono wawe kenshi. Amakuru y'ibanga rikomeye cyane harimo inyandiko z'ubuzima bwo mu mutwe, gupima cyangwa kuvurwa virusi ya HIV/SIDA n'izindi ndwara zandura. Ugomba kuduha uruhushya rwanditse rwo gusohora amakuru yawe ku bikorwa byo kwamamaza.

C. Aho amakuru akwerekeyeho ADASHOBORA gutangazwa. Igihe ibisubizo by'ikizamini cy'uturemangingo hagamijwe gushaka ubwishingizi ntabwo bizatangazwa. Ntabwo tuzagurisha amakuru y'ubuzima bwawe kubw'impamvu iyo ari yo yose.

2. Uburenganzira Bwawe ku byerekeye Amakuru y'Ubuzima

A. Wakira cyangwa ureba amakuru yawe y'ubuvuzi. Ushobora guhabwa kopi cyangwa gusuzuma amakuru yawe y'ubuvuzi. Ugomba gusaba randevu yo kujya kureba inyandiko yawe ku buntu. Niba ukeneye kopi, ugomba gusinya ifishi y'ubusabe. Kopi ziraboneka mu ishami ry'inyandiko z'ubuvuzi cyangwa ku biro aho bakirira abantu. Ushobora kwakira kopi yawe hakoreshejwe uburyo bwa murandasi cyangwa kopi y'impapuro bitewe n'ibyo ukunda.
Amafaranga ashobora gusabwa hagendewe kuri ibi. Iyo bigenze gutya, tuzakubwira impamvu ndetse tunasobanure uburenganzira bwawe ufite bwo kutabyemera.

B. Gusaba guhindura inyandiko yawe. Niba usanze inyandiko zawe z'ubuvuzi zirimo amakosa cyangwa zituzuye ushobora gusaba gukora impinduka cyangwa ubugororangingo. Ugomba gushyira ubusabe bwawe mu nyandiko hanyuma ugatanga impamvu ushaka ko impinduka zikorwa. Tuzakora impinduka keretse dusanze amakuru ushaka ko ahinduka yuzuye kandi ari ukuri. Niba atari twe twakoze aya makuru, ntidushobora kuyahindura.

C. Urutonde rw'amakuru yasangijwe abandi. Ufite uburenganzira bwo gusaba urutonde rw'amakuru rw'ibyo twatangaje birebana n'amakuru y'ubuvuzi. Aha ntiharimo amakuru ku kuvurwa, kwishyura cyangwa aho ibikorwa by'ubuvuzi byabereye. Ntabwo kandi harimo ayo wowe ubwawe watangiye uburenganzira. Ubu busabe bugomba kuba buri mu nyandiko. Ubusabe bugomba kuba bufite igihe kizwi kigera ku myaka itandatu. Tuzaguha urutonde 1 rw'ibaruramari ku buntu kuri buri mwaka.

D. Kugabanyiriza sosiyete y'ubwishingizi kubona inyandiko. Ufite uburenganzira bwo kugabanya amakuru amwe n'amwe yoherezwa kuri sosiyete yawe y'ubwishingizi. Ushobora gutuma nta wubigeraho, nta bizamini, nta bihakorerwa, n'ibindi niba ari wowe ubyiyishyurira ku giti cyawe. Igihe icyo ari cyo cyose tutasabwe n'amategeko gutangaza amakuru, ntabwo azatangazwa.

E. Kugabanya gukoresha cyangwa gutangaza inyandiko z'ubuzima bwawe. Ufite uburenganzira bwo gusaba FFHC kudakoresha cyangwa gutanga amakuru yawe y'ubuvuzi, kwishyura cyangwa imirimo y'ubuvuzi. Ntabwo dusabwa kubahiriza iki cyifuzo. Ariko tuzakora ibishoboka turinde amakuru y'ubuzima bwawe. Niba twemeranyijwe ku busabe bwawe, bizakurikizwa keretse niba hari impamvu yihutirwa yatuma dukenera gusangiza amakuru yawe.

F. Kukoherereza amakuru kuri aderesi itandukanye cyangwa kuguhamagara mu buryo bunyuranye. Ushobora gusaba ko twohereza amakuru kuri aderesi zitandukanye kuruta ko aderesi dufata nk'iyo mu rugo iwawe. Si ngombwa ko uduha impamvu kuri ubu busabe. Si ngombwa ko twita ku busabe bwawe igihe dusanze nta shingiro bufite.

G. Guhagarika uruhushya ruriho umukono. Ufite uburenganzira bwo guhagarika uruhushya urwo ari rwo rwose wasinye kugira ngo hakoreshwe cyangwa hatangazwe amakuru yawe y'ubuvuzi. Ubu busabe bukorwa mu nyandiko. Tuzubahiriza itariki ubu busabe bwasabiweho. wandikwa.tuzubahiriza kuva kumunsi wasabwe kugeza kuyindi tariki. Ntabwo tuzabazwa amakuru yatanzwe mbere y'uko uhagarika uru ruhushya.

H. Guhabwa kopi y'urupapuro rw'iyi Nyandiko. Ushobora gusaba guhabwa kopi y'urupapuro rw'iyi nyandiko ku kigo nderabuzima cyawe. Niba wifuza kureba iyi nyandiko kuri mudasobwa, inyandiko igaragara ku rubuga rwacu rwa interineti www.communityhealthdayton.org.

I. Gutanga ikirego. Ufite uburenganzira bwo gutanga ikirego niba hari impamvu iyo ari yo yose yagaragaza ko uburyo bwo kurinda amabanga yawe butubahirijwe. Ushobora gutanga ikirego ucyohereza mu nyandiko usobanura birambuye uburyo ubuzima bwawe bwite bwavogerewe. Ikirego gishobora guhabwa umukozi ushinzwe ibirego kuri FFHC. Ushobora kandi guha ikirego Umunyamabanga w'Ishami ry'Ubuzima n'izindi Serivisi ku kurubuga rwabo. Gutanga ikirego ntabwo bizahindura uko usanzwe wakirwa ku kigo nderabuzima.

J. Kumenyesha amakuru yibwe. Ufite uburenganzira bwo kumenyeshwa ikintu icyo ari cyo cyose giteye impungenge kigaragaza ko hari amakuru yibwe.

3. Ibisabwa, Impinduka kuri iyi Nyandiko, Uko twaguhamagara, n'Itariki

Iyi nyandiko irareba amakuru yawe yose y'ubuvuzi abitswe na FFHC, yaba amakuru twegeranyije cyangwa ayo twakuye ahandi. Dufite uburenganzira bwo guhindura ingingo z'iyi Nyandiko. Uburenganzira ku kugirirwa ibanga bushobora guhinduka igihe itegeko ryahindutse. Iyo bigenze gutyo, duhita duhindura inyandiko kandi tukayishyira aho mushobora kuyisoma. Inyandiko nshya izakoreshwa ku makuru yose dufite akwerekeye. Tugomba gukurikiza ingingo z''Inyandiko iri gukoreshwa icyo gihe. Niba wifuza kubona kopi y'Inyandiko iri gukoreshwa ushobora kuyisaba ikigo nderabuzima cyawe cyangwa ukayibona kuri murandasi ku rubuga rwacu rwa interineti. Iyi Nyandiko ku Makuru y'Ubuzima ikoreshwa uhereye tariki ya 23 Nzeri 2013. Niba ufite ikibazo kijyanye n'iyi Nyandiko, hamagara umukozi ya sosiyete ushinzwe iyubahirizwa ry'amasezerano kuri (937) 586-9733 kwagura 1037.

First Flight Health Centers™

Amasezerano yo Kwishyura

Ubwishingizi bw'Ubuzima:

Nzi neza ko ari inshingano zanjye nk'umurwayi guha kopi y'ikarita y'ubwishingizi ku Ibigo by'Ubuzima bya First Flight (First Flight Health Centers (FFHC))igihe cya serivisi yanjye. Mpaye uburenganzira bwo kwishyura FFHC na/cyangwa abaganga cyangwa abashinzwe kwishyura inyungu ku bikorwa by'ubuvuzi byasobanuwe kandi bikwiye kwishyurwa kuri njye ariko ntibirenze ibiciro bisanzwe. Nsobanukiwe ko nzishyura amafaranga yose azakoreshwa kugeza igihe fagitire zizaba zishyuwe zose n'amafaranga azakoreshwa ku bindi bintu bitishyurwa n'ubwishingizi. Niba ku mpamvu iyo ari yo yose ikigo cy'ubwishingizi bwanjye (harimo na Medicare) yanze kwishyura, mpaye FFHC uburenganzira bwo gukora mu mwanya wanjye kugira ngo isabe kwishyurwa.

*ABARWAYI BAKORESHA MEDICARE GUSA – Ndahamya ko amakuru natanze mu gusaba kwishyurwa hakurikijwe umutwe wa XVIII w'itegeko ry'ubwiteganyirize bw'imibereho myiza y'abaturage ari ukuri. Mpaye uburenganzira umuntu wese ufite amakuru anyerekeyeho, harimo n'abaganga na/cyangwa abagenwe nabo, yo mu rwego rw'ubuvuzi cyangwa andi makuru anyerekeyeho bwo kuyasakaza mu Kigo cy'ubwiteganyirize bw'imibereho myiza y'abaturage na/cyangwa porogaramu ya Medicare amakuru ayo ariyo yose, akenewe cyangwa bifitanye isano n'ubusabe bwa Medicare.

Kwiyishyurira (Udafite Ubwishingizi cyangwa ufite Ubwishingizi Budahagije):

Nzi neza ko ari inshingano zanjye gukora Ubusabe bwo Kugabanyirizwa Amafaranga nishyura no kuzana icyemezo cy'amafaranga ninjiza mu iminsi 30 mpuye na muganga cyangwa bizahite biba inshingano zanjye kwishyura 100% bya fagitire yanjye.

ibirarane by'ubwishingizi/ubufatanye-mu kwishyura/Amafaranga y'Ubwishyu Agabanyijweho:

Nzi neza ko ibirarane by'ubwishingizi/ubufatanye-mu kwishyura cyangwa amafaranga y'ubwishingizi agabanyijeho ari inshingano zanjye.

Nshobora kwishyura muntoki, sheki, cyangwa ikarita ya banki kubiro, mpamagaye ishami rishinzwe kwishyuza kuri 937-586-9733/ uburyo bwa 7, nkoresheje urukuta rw'abarwayi, cyangwa ku rukuta rwa Instamed (https://pay.instamed.com/chcgd). *Niba sheki isubijwe bitewe n'amafaranga adahagije, amafaranga azongerwa kuri konti yanjye, kandi ni jye uzayishyura.

Kubonana na muganga hakoreshejwe ikoranabuhanga no gusuzuma uko ubuzima buhagaze:

Nsobanukiwe ko ibigo Ibigo by'Ubuzima bya First Flight (First Flight Health Centers (FFHC)) byemera Kubonana na muganga hakoreshejwe ikoranabuhanga harimo amajwi na/cyangwa amashusho nka serivisi y'inyongera ku barwayi nk'uko bikenewe. Nzi neza ko izi ari serivisi zishyurwa n'igiciro bijyanye/ikiguzi kingana no kubonana na muganga mu biro. Nsobanukiwe ko kujya gusuzuma uko ubuzima buhagaze/Kwirinda kujya kubonana na muganga kubera ubwishingizi, niba hari ibibazo bishya by'ubuzima cyangwa indwara byamenyeshejwe muganga wanjye, kubonana na muganga bishobora kutazongera gutangwaho amafaranga nko gusuzuma uko ubuzima buhagaze/kwirinda kubonana na muganga kandi bishobora kwishyuzwa nko kubonana na muganga mu biro bisanzwe. Nzi neza ko amafaranga yose y'ubufatanye mu kwishyura, ubufatanye k'ubwishingizi, agomba kwishyurwa mbere yo gutangira kwishyurirwa, cyangwa amafaranga y'igabanyirizwa kuri izi nshuro zo kubonana na muganga azaba inshingano zanjye.

Inyandiko:

Nzi neza ko nzakira inyandiko 3 gusa zose hamwe mbere yuko konti yanjye ishobora koherezwa ku kigo cyo hanze cyo gukusanya ibirarane. Nzi kandi niba FFHC yakira amabaruwa yasubijweyo kubera ko ntatanze aderesi ya nyayo/igezweho, nshobora koherezwa ku kigo cyo hanze cyo gukusanya ibirarane.

Gahunda zo Kwishyura:

Nzi neza ko niba hari amafaranga agisigaye agejeje igihe cyo kwishyurwa nshobora kuyashyira muri gahunda yo kwishyura niba ntashoboye kuyishyura yose. Nzi kandi ko niba ntashyizeho gahunda yo kwishyura hamwe na FFHC cyangwa ntishyuye amafaranga yanjye yateganijwe, nshobora koherezwa mu kigo cyo hanze cyo gukusanya ibirarane. Gushyiraho gahunda yo kwishyura bishobora gukorwa binyuze mu kuvugana n'ishami rishinzwe kwishyura cyangwa ku rubuga rwa Instamed.

Ibirarane:

Nzi neza ko niba noherejwe hanze mu kigo gishinzwe gukusanya ibirarane inshuro ebyiri (2) ko nshobora kwirukanwa mu kigo cy'ubuvuzi kandi sinzongere guhabwa serivisi z'Ibigo Ibigo by'Ubuzima bya First Flight (First Flight Health Centers (FFHC)).

Umukono wanjye, cyangwa uw'umpagarariye ubifitiye uburenganzira, bigaragaza ko nasomye, numva kandi nemeranya n'ibyavuzwe haruguru kandi ko natanze amakuru y'ukuri.

_____	_____	_____
Umukono w'Umurwayi/Abishingizi	Isano	Itariki

___ _____	_____
Amazina y'Umurwayi yanditse	Itariki y'Amavuko y'Umurwayi

First Flight Health Centers

First Flight Health Centers ni ikigo nderabuzima cyujuje ibyangombwa ku rwego rw'igihugu.Turasabwa gukusanya amafaranga yinjizwa n'abatugana. Amakuru yose agirwa ibanga, kandi turasabwa gutanga raporo y'imibare gusa amazina ntagaragazwe. Tugusaba kuvugurura aya makuru buri mwaka.

Ingano y'Umuryango n'umuryango wawe wa hafi mubana mu rugo wemewe n'amategeko kandi harimo n'abana wishyurira ubufasha bataba mu rugo rwawe.

1. Ca akaziga ku Ngano y'Umuryango wawe

2. Shyira mu kaziga <u>ku giteranyo cy'amafaranga umuryango wawe</u> winjiza

IGITERANYO CY'AMAFARANGA URUGO RWINJIZA (SHYIRA MU KAZIGA IGITERANYO KIMWE GUSA)

Ingano y'umuryango	Amafaranga = cyangwa munsi	Amafaranga ari hagati ya	Amafaranga ari hagati ya	Amafaranga ari hagati ya	Amafaranga arenze
1	$15,960	$15,961 - $21,227	$21,228 - $23,940	$23,941 - $31,920	$31,921
2	$21,640	$21,641 - $28,781	$28,782 - $32,460	$32,461 - $43,280	$43,281
3	$27,320	$27,321 - $36,336	$36,337 - $40,980	$40,981 - $54,640	$54,641
4	$33,000	$33,001 - $43,890	$43,891 - $49,500	$49,501 - $66,000	$66,001
5	$38,680	$38,681 - $51,444	$51,445 - $58,020	$58,021 - $77,360	$77,361
6	$44,360	$44,361 - $58,999	$59,000 - $66,540	$66,541 - $88,720	$88,721
7	$50,040	$50,041 - $66,553	$66,554 - $75,060	$75,061 - $100,080	$100,081
8	$55,720	$55,721 - $74,108	$74,109 - $83,580	$83,581 - $111,440	$111,441

Amazina yose y'Umurwayi:_____Itariki y'Amavuko y'Umurwayi:_____

Umukono w'Umurwayi/Umwishingizi:_____Itariki y'uyu munsi:_____

IBIGO BY'UBUZIMA BYA FIRST FLIGHT
BUSABE BWO KUGABANYIRIZWA KWISHYURA NK'UDAFITE UBWISHINGIZI

Amazina y'Umurwayi_____ Itariki y'Amavuko_____

Amazina y'Usaba (Niba atari Umurwayi)_____ Isano ufitanye n'Umurwayi_____

Umuhanda_____ Umujyi_____ Intara_____

Kode Zip_____ Telefone_____ Telefone igendanwa_____

Tanga amakuru akurikira ku **bantu bose bo mu muryango umuryango ba hafi mubana mu rugo.** Hagamijwe kubafasha, **umuryango wa hafi** bisobanuye umurwayi, uwashakanye n'umurwayi, abana bose b'umurwayi bari munsi y'imyaka 18 (abo babyaye cyangwa abo barera) baba mu rugo rw'umurwayi, cyangwa abo **yishingira byemewe n'amategeko**.

Amazina	Isano kuri Umurwayi	Amafaranga winjiza ku mwaka/ku kwezi cyangwa Mu cyumweru *Amafaranga yinjiye*	Amafaranga yose

Igiteranyo # cy'abantu bo mu muryango_____
Igiteranyo # cy'abana bafashwa kwishyurirwa, ariko bataba mu rugo_____

Inyandiko zerekana ko nta mafaranga yinjira: Niba ugaragaje ko amafaranga yinjiye ari $0, sobanura hasi uburyo ubayeho utinjiza amafaranga.

_____
_
_____
_
_____
_

Nshyize umukono wanjye aha *hasi* ndemeza ko **ku mwaka ninjije ingana na $0**

Umukono w'Umurwayi_____ Abatangabuhamya ba FFHC _____

***Inyandiko za gihamya zigaragaza uburyo ninjije(za vuba aha)*:** sheki ebyiri/n'uko yagiye yishyurwa, imenyekanisha ry'imisoro cyangwa W-2, ubufasha rusange cyangwa ibaruwa y'ubwiteganyirize, inkunga y'umwana, indezo, ubushomeri, impapuro za banki zigaragaza ibyakorewe kuri konti, ubufasha mu by'ubuvuzi cyangwa Icyemezo cy'Ishami rishinzwe Serivisi z'Imibereho Myiza. (**Bigaragaza amafaranga YOSE yinjiye**)

Ndumva ko ngomba kuvugurura aya makuru igihe hagize igihinduka ku mibereho yanjye kandi ubusabe bw'igabanyirizwa bushya bugomba gusabwa byibura buri mezi cumi n'abiri (12). Nahawe amakuru nsobanurirwa iyo

gahunda ndetse numva kandi nkemeranya n'ingingo zikubiyemo. Ndumva ko igihe ndi umurwayi wiyishyurira; **ari inshingano zanjye kwishyura byibuze $20 buri uko ngiye kwa muganga na/cyangwa $40 buri uko mpuye na muganga w'amenyo.** Niba hari amafaranga atishyuwe nyuma yo gusaba kugabanyirizwa ijanisha, ndemera kwishyura mu byiciro no kubahiriza ayo masezerano. Ndumva ko niba ntashoboye kwishyura mu kwezi uko ari ko kose; ngomba guhamagara Umukozi ushinzwe Kwishyuza mbere y'itariki yagenwe tukaganira uburyo bwo guhindura gahunda yo kwishyura.

Icyemezo: Ndemeza ko ingano y'Umuryango n'amakuru arebana n'ingano y'amafaranga ninjije agaragara hejuru ari ukuri**Ndemera ko inyandiko zigaragaza uko ubukungu bwanjye buhagaze zikenewe mbere y'uko igabanyirizwa ryanjye ryemerwa kandi ngomba gutanga aya makuru mu gihe cy'iminsi 30 cyangwa mbere y'ikindi gihe cya vuba nzagira kwa muganga.**

_____	_____	_____
Amazina y'Umurwayi (yanditse)	Umukono w'Umurwayi cyangwa Umwishingizi	Itariki bisinyiweho

NTUSHYIRE <u>umukono</u> kuri paji niba wifuza kugabanyirizwa. Gushyira umukono hasi<u>bizatesha agaciro</u> urundi ruhande rw'iyi nyandiko.

KUREKA INGINGO

Nahisemo kutuzuza Ubusabe bwo Kwishyura nk'udafite Ubwishingizi muri iki gihe. Ndetse uburenganzira bwo kugabanyirizwa nari nemerewe. Ndabyumva ko bizaba ari inshingano zanjye kwishyura amafaranga yose mu gihe nshaka serivisi.

_____	_____	_____
Amazina y'Umurwayi (yanditse)	Umukono w'Umurwayi cyangwa Umwishingizi	Itariki